# IMYANZURO Y' INTEKO RUSANGE YA XXIII YA RALGA YATERANYE KUWA 18/5/2018 KURI SERENA HOTEL KIGALI

Kuwa 18 Gicurasi 2018 mu cyumba cy'inama cya Serena Hoteli i Kigali hateraniye inama y' Inteko Rusange ya 23 y'Ishyirahamwe ry'Uturere n'Umujyi wa Kigali mu Rwanda (RALGA), iyobowe na Cllr Innocent UWIMANA, Umuyobozi wa RALGA. Inteko Rusange ya 23 YA RALGA yatangijwe na Nyakubahwa Francis KABONEKA Minisitiri w' Ubutegetsi bw' Igihugu wari Umushyitsi Mukuru.

Inteko Rusange ya RALGA yitabiriwe n'Abanyamuryango ba RALGA ndetse n'abahagarariye Inzego zikorana na RALGA.

Inama y'Inteko rusange yemeje ingingo zari ku murongo w'ibyigwa arizo:

1. Kwemeza Umunyamabanga Mukuru mushya wa RALGA
2. Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry' imyanzuro y' Inteko Rusange ya RALGA yo kuwa 23/6/2017
3. Gushimira Uturere twatanze umusanzu wose wa RALGA bitarenze 31/10/2017 nkuko byemejwe n' Inteko Rusange yo kuwa 23/06/2017;
4. Ikiganiro ku mitangire y'akazi mu Nzego z' Ibanze
5. Gusuzuma no kwemeza raporo yibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'imari ya 2017-2018
6. Gusuzuma no kwemeza raporo ya Komite Ngenzuzi ya RALGA
7. Amatora yo kuzuza komite nkemurampaka no kwemeza umwe mu bagize komite ngenzuzi ya RALGA

RWANDA ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES * Ralga P.O.Box: 7249 Kigali Tel:0788387864

Nyuma yo kuganira ku ngingo zose zari ku murongo w'ibyigwa, inama y'Inteko Rusange ya RALGA yafashe imyanzuro ikurikira:

1. Inteko Rusange ya RALGA yashimiye Nyakubahwa Francis KABONEKA, Ministiri w' Ubutegetsi bw' Igihugu kubera impanuro yahaye abitabiriye inama bamwizeza kandi ubushake n'umurava mu kuzikurikiza;
2. Inteko Rusange yemeje Bwana Ladislas NGENDAHIMANA nk' Umunyamabanga Mukuru wa RALGA kandi imwizeza ubufatanye mu kuzuza neza inshingano yashinzwe;
3. Inteko Rusange yashimye abanyamuryango bubahirije umwanzuro w' Inteko Rusange ya 22 ku bijyanye no kwishyura umusanzu bitarenze impera z' Ukwakira buri mwaka aritwo: Rubavu, Nyamasheke, Rwamagana, Musanze, Bugesera, Nyabihu, Burera, Huye, Nyaruguru, Ruhango na Gatsibo. Nyakubahwa Minisitiri w' Ubutegetsi bw' Igihugu yabashyikirije ibihembo bagenewe na RALGA. Inteko Rusange yaboneyeho gusaba abanyamuryango bose gufata ingamba zo kujya bishyura umusanzu wa RALGA mu gihe cyemejwe.
4. Inteko Rusange ya RALGA yasuzumye raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y' Inteko Rusange yo kuwa 23 Kamena 2017 ishima ibyakozwe inasaba ko imyanzuro itararangira yihutishwa;
5. Inteko Rusange ya RALGA yashimiye Komite Nyobozi ndetse n'Inzego bafatanyije kubera ubwitange bagaragaje mu kuzuza neza inshingano batorewe no guteza imbere Ishyirahamwe RALGA;
6. Inteko Rusange yemeje raporo y'Ibikorwa na raporo y'Imikoreshereze y'Imari ya RALGA 2017-2018;
7. Inteko Rusange ya RALGA yemeje gahunda y' ibikorwa n' ingengo y' imari ya 2018-2019 imaze kuyitangaho ibitekerezo;
8. Inteko Rusange yemeje raporo ya Komite Ngenzuzi;
9. Inteko Rusange yasabye Uturere n' Umujyi wa Kigali batarasaba kuba abanyamuryango ba ASSETIP kwihutira kugeza ubusabe bwabo bwanditse ku buyobozi bwa ASSETIP bitarenze ukwa Gatandatu 2018 kugira ngo bazemezwe n' Inteko Rusange yayo itaha nk' abanyamuryango kandi bagatangira gukorana nayo bidatinze. Inteko Rusange yasabye kandi ko Uturere tutarishyura ASSETIP kuri serivisi zayo kubikora byihuse kugira ngo nayo ibashe kunoza serivisi iha abayigana;

RWANDA ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES
Ralga
P.O.Box: 7249
Kigali
Tel:0788387864

10. Inteko Rusange yemeje ko RALGA ikomeza gutanga serivisi yo gufasha abanyamuryango kubona abakozi bashoboye (staff recruitment) inashyigikira icyifuzo ko RALGA ihabwa uburenganzira bwo kugira uruhare mu gikorwa cyo gutoranya abemererwa kuzakora ibizamini by' akazi (shortlisting). Inteko Rusange yasabye ko Inzego za RALGA bireba ziganira na MIFOTRA kugira ngo ababishinzwe muri RALGA bahabwe uburenganzira bwo kubona amakuru y' abasabye akazi ku mirimo itandukanye binyuze kuri " e-recruitment" portal;

11. Inteko Rusange yemeje ko RALGA izajya ibika amakuru y'ababonye amanota ari hejuru ya 70% mu bizamini by' Akazi mu Nzego z' Ibanze mu gihe cy'amezi atandatu nk' uko biteganywa n' Itegeko ku buryo Akarere kazajya gakenera umukozi RALGA izabanza kureba muri "database" bitabaye ngombwa kongera gukoresha ikindi kizamini. Inteko Rusange yasabye kandi ko Inzego bireba muri RALGA zikomeza ibiganiro n' Inzego z' Igihugu zifite ibijyanye n'imicungire y'abakozi ba Leta mu nshingano nka MIFOTRA na Komisiyo y' Igihugu ishinzwe abakozi ba Leta ku bijyanye n' uko uyu mwanzuro ushyirwa mu bikorwa;

12. Inteko Rusange yasabye Inzego bireba muri RALGA gukomeza ubuvugizi bugamije ko hajyaho " Local Government event calendar" mu rwego rwo gufasha abayobozi n'abakozi kubona umwanya uhagije wo kwegera kurushaho abaturage mu rwego rwo kujya inama ku gushakira umuti ibibazo bahura nabyo.

13. Inteko Rusange yasabye RALGA kongera ingufu muri serivisi yo kongerera abanyamuryango ubushobozi haba abakozi n'abagize inama njyanama hashingiwe ku isesengura ry'ibikenewe ku buyobozi bw' Inzego z' Ibanze ngo igenamigambi ry'igihe kirekire (DDS) ritegurwa muri iki gihe rizashyirwe mu bikorwa hashimangirwa kandi kurushaho kwegera abaturage mu gushaka ingamba zo gukemura ibibazo bibugarije kandi babafasha kugira uruhare rutaziguye mu gushyira mu bikorwa ingamba zo kubikemura;

14. Inteko Rusange yasabye RALGA gukora ubuvugizi ku bijyanye no kuvugurura ibijyanye n'ingano (revisit geographical size delimitation) y' Inzego zegerejwe abaturage cyane cyane ku Kagari harebwa uburyo ingano y'uru rwego ihuzwa n'ingamba zihari zo kurushaho kwegereza abaturage ubuyobozi n' ubushobozi;

15. Inteko Rusange yemeje ko umwanzuro wa 7 wari wafashwe mu Nteko Rusange ya 22 yo kuwa 23/06/2017 ku bijyanye no gushyira inyandikomvugo z'Inteko Rusange kuri "website" ya RALGA uvugururwa ukandikwa mu buryo bukurikira: Inteko Rusange

RWANDA ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES
Ralga
P.O.Box: 7249
Kigali
Tel:0788387864

yemeje ko Imyanzuro y'Inteko Rusange ya RALGA izajya ishyirwa kuri "website" ya RALGA naho inyandikomvugo y'Inteko Rusange igashyikirizwa abanyamuryango mu nyandiko zitegura inama y' Inteko Rusange ikurikira nk' uko bisanzwe bikorwa;

16. Inteko Rusange yemeje Cllr Pascal GATABAZI Umuyobozi w' Inama Njyanama y' Akarere ka Rulindo nk' umwe mubagize Komite Ngenzuzi ya RALGA;
17. Inteko Rusange yatoreye aba bakurikira kujya muri Komite nkemurampaka ya RALGA
    - Cllr Jerome GASASIRA RUTAGENGWA Perezida w' Inama Njyanama ya Ruhango
    - Cllr Jerome MURERAMANZI Visi Perezida w' Inama Njyanama ya Nyaruguru
    - Cllr Dieudonné KAYOMBYA Perezida w'Inama Njyanama ya Gicumbi
    - Cllr Chantal ATUKUNDE RUKEBA Perezida w' Inama Njyanama ya Nyagatare
18. Inteko Rusange yemeje imyanzuro y'inama yayo isaba ko Inzego bireba zose ziyishyira mu bikorwa.

Bikorewe i Kigali, kuwa 18/5/2018

| | | |
|---|---|---|
| **Umwanditsi w' inama:** | RWANDA ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES<br>Ralga<br>P.O.Box: 7249<br>Kigali<br>Tel:0788387864 | **Umyobozi w'inama:** |
| **Ladislas NGENDAHIMANA** | | **Cllr Innocent UWIMANA** |
| Umunyamabanga Mukuru | | Umuyobozi wa RALGA |

# RESOLUTIONS OF THE JOINT MEETING BETWEEN RALGA EXECUTIVE COMMITTEE AND LGI BOARD OF DIRECTORS HELD ON MAY 17 2018, AT KIGALI SERENA HOTEL

RALGA Executive Committee and LGI Board of Directors held a joint meeting on May 17, 2018; from 2:00 pm to 3:20 pm at Kigali Serena Hotel, to discuss the future orientation of LGI. The meeting was chaired by Innocent Uwimana, Chairperson of RALGA.

Participants discussed at large the issues related to the management of LGI as NGO and its relationship with RALGA, the owner which has the same legal status.

After deliberations, the meeting formulated the following recommendations:

1. To dissolve LGI as Non-Government Organization (NGO).
2. RALGA should take over the management of LGI staff and assets, and ensure the continuity of the ongoing activities currently implemented by LGI.
3. To incorporate LGI as a department in RALGA organizational structure.
4. These recommendations shall be tabled for a debate and approval in the upcoming General Assembly of LGI.

Done at Kigali, on May 17, 2018

**Rapporteur**

**Ladislas NGENDAHIMANA**
Secretary General

**Cllr Dr Jeanne Nyirahabimana**
Chairperson of LGI BoDs

**Cllr Innocent Uwimana**
Chairperson of RALGA